



MINAGRI

IMFASHAMYUMVIRE KURI GAHUNDA Y'IGIHUGU YA KANE YO KUVUGURURA UBUHINZI (PSTA 4) 2018-2024



Igenamigambi riganisha ku bukire

Ugushyingo 2018



**IMFASHAMYUMVIRE KURI GAHUNDA Y'IGIHUGU YA
KANE YO KUVUGURURA UBUHINZI (PSTA 4)
2018-2024**

Ugushyingo 2018

Copyright ©2018

MINAGRI, CCOAIB, TROCAIRE, ACTION AID, EUROPEAN UNION

Umuntu wese wandukura, ufotora atagamije ubushakashatsi, cyangwa se uhindura ibikubiye muri iki gitabo, byose cyangwa igice cyabyo atabisabiye uruhushya, ahanwa n'amategeko arengera abanditsi.

Iyi mfashamyumvire kuri gahunda y'Igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi (PSTA 4) yateguwe ku bufatanye hagati ya:

- MINAGRI
- CCOAIB
- TROCAIRE
- ACTION AID
- EUROPEAN UNION

Kigali, Ugushyingo 2018

IBIKUBIYE MURI AKA GATABO

INCAMAKE.....	09
1. INTANGIRIRO.....	11
1.1. Ibijyanye na politiki y’imbere mu gihugu.....	11
1.2. Ibijyanye na politiki mpuzamahanga.....	13
1.3. Mu bukungu.....	13
2. IMBOGAMIZI ZIHARI.....	14
3. AMAHIRWE AHARI.....	16
4. INZEGO Z’UBUHINZI MU RWANDA.....	17
5. IMITERERE YA PSTA 4.....	17
5.1. Inshingano, icyerekezo n’itegeze za PSTA 4.....	17
5.2. Icyerekezo gishya.....	18
5.3. Impinduka zitegerejwe kuri PSTA 4 n’uburyo zizagerwaho.....	20
5.4. Inkingi z’ingenzi za PSTA 4.....	21
5.5. Tumenye birambuye izo nkingi z’ingenzi 4 za PSTA 4.....	23
INKINGI Y’INGENZI YA 1: UBUSHAKASHATSI N’IYAMAMAZABUHINZI.....	23
1.1. Guteza imbere ubushakashatsi n’udushya.....	25
1.2. Iyamamazabuhinzi n’ubujyanama byegerejwe abaturage.....	25
1.3. Kubaka ubumenyi ngiro bw’abagize uruhererekane rw’Umusaruro..	26
INKINGI Y’INGENZI YA 2: KONGERA UMUSARURO NO GUHANGANA N’ IHINDAGURIKA RY’IKIRERE.....	26
2.1 Uburyo burambye bwo kubungabunga ubutaka no kongera umusaruro.....	28
2.2 Kuhira imyaka biboneye mu rwego rwo gucunga neza umutungo w’amazi.....	28
2.3 Uburyo bwo kongera amatungo n’ibiyakomokaho.....	29

2.4	<i>Ubuhinzi bwita ku mirire myiza.....</i>	29
2.5	<i>Ingamba zo kongera ihangana n'imihindagurikire y'ikirere.....</i>	29
	INKINGI Y'INGENZI YA 3: AMASOKO MEZA NO KONGERA AGACIRO...30	
3.1	<i>Guhuza amasoko.....</i>	31
3.2	<i>Kwita ku ngorane zaboneka ku masoko y'ibikomoka ku buhinzi na serivisi z'imari.....</i>	32
3.3	<i>Kwita ku ireme ry'amategeko n'amabwiriza ashwirwaho.....</i>	32
	INKINGI Y'INGENZI YA 4: GUTEZA IMBERE IMIKORANIRE N'INZEGO.....33	
4.1.	<i>Guteza imbere inzego z'ubuhinzi.....</i>	34
4.2.	<i>Politiki, amategeko n'amabwiriza ashingiyeye ku bibazo bihari.....</i>	34
4.3.	<i>Ubucuruzi bw'uruhererekane rw'umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi.....</i>	35
4.4.	<i>Iteganyabikorwa, ihuzabikorwa no gutegura ingengo y'imari.....</i>	35
4.5.	<i>Guteza imbere ubumenyi.....</i>	35
4.6.	<i>Inkingi rusange.....</i>	36
6.	INGENGO Y'IMARI ITEGANYIRIJWE PSTA 4.....	40
7.	ISHYIRWA MU BIKORWA RYA PSTA 4.....	41
7.1.	<i>Inzego.....</i>	41
7.2.	<i>Uruhare rw'abafatanyabikorwa.....</i>	41
8.	UMUSOZO.....	44
9.	UMUGEREKA.....	45

IJAMBO RY'IBANZE RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI

Ibikorwa by'Ubuhinzi n'Ubworozi bifite uruhare runini mu iterambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda no kuzamura ubukungu bw'Igihugu cyacu muri rusange.

Imibare igaragaza ko 90% y'ibiribwa mu Rwanda bihingwa mu gihugu. Ibi bigaragaza imbaraga zashyizwe mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi muri Gahunda ya 3 yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA3). Ibi kandi binashimangira ko intego Guverinoma y'u Rwanda yihaye yo kongera umusaruro w'Ubuhinzi n'Ubworozi mu bwinshi no mu bwiza nk'uko bigaragara muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (7 YGP) na Gahunda y'Igihugu y'Iterambere Ryihuse icyiciro cya 1 (NST1) yubakiye ku musingi uhamye.

Mu gukomeza guteza imbere urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, Leta yashyizeho Gahunda ya 4 yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA4) izashyirwa mu bikorwa kuva mu 2018 kugeza mu 2024.

Iyi gahunda ya 4 yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi igamije iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi bukava mu buhinzi bwa gakondo bugana mu buhinzi bwongera agaciro bushingiye ku bumenyi, bugira uruhare mu bukungu bw'Igihugu, bunatanga icyizere mu kwihaza mu biribwa n'imirire myiza ku baturarwanda bose. PSTA4 Yubakiye ku nkingi enye:ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi; kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ikirere; amasoko meza y'umusaruro; no guteza imbere imikoranire myiza hagati y'inzego.

Intego z'iyi gahunda ntizagerwaho hatabayeho ubufatanye hagati y'inzego za Leta, iz'abikorera ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu iterambere biganjemo abahinzi n'aborozi by'umwihariko. Niyo mpamvu dusaba uruhare rwa buri wese mu ishyingirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda mu myaka 6 iri imbere. Turasaba buri wese kugira PSTA 4 iye, agatanga umusanzu we kugira ngo duhindure ubuhinzi n'ubworozi bibe umwuga ukomeye, uteza imbere abawukora kandi ukagira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu cyacu no kurwanya ubukene, twihaza mu biribwa n'imirire iboneye.

Reka nsoze nshishikariza buri wese gusoma aka gatabo k'imfashamyumvire kuri iyi Gahunda ya 4 yo Kuvugurura Ubuhinzi n'Ubworozi kugira ngo murusheho gusobanukirwa n'iyi gahunda ndetse n'uruhare rwanyu mu ishyirwa mu bikorwa ryayo.



Dr. MUKESHIMANA Gerardine

Minisitiri w'ubuhinzi n'ubworozi



INCAMAKE

PSTA 4 ni Gahunda y'Igihugu ya 4 yo kuvugurura ubuhinzi mu Rwanda. Yerekana ibyihutirwa mu ishoramari mu buhinzi ikanagereranya n'ibikenewe mu iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi kuva mu mwaka wa 2018 kugeza mu mwaka wa 2024. Ni gahunda yo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi (NAP) 2017-2030 ikaba kandi ari inyandiko ya Leta yerekana ingamba z'Igihugu mu ubuhinzi n'ubworozi muri Gahunda y'Igihugu y'Iterambere Ryihuse icyiciro cya 1 (NST1). PSTA 4 igamije kwihutisha ivugururwa ry'ubuhinzi n'ubworozi bukava mu buhinzi bwa gakondo bugana mu buhinzi bwongera agaciro bushingiye ku bumenyi bugira uruhare mu bukungu bw'Igihugu, bunatanga ikizere ku kwihaza mubiribwa n'imirire myiza

Amasoko y'umugaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi no gukorana bya hafi kw'abahuriye ku gihingwa cyangwa ubworozi runaka bifite akamaro gakomeye mu iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi. Ibi bisaba ishoramari n'inyongeramusaruro bikozwe n'abikorera muri rusange n'imihurize ikomeye hagati y'ubuhinzi n'ubworozi buganisha ku masoko n'abakeneye gukoresha umugaruro uboneka. Ikindi kandi ni uko ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi, ndetse n'ubushobozi bw'abahinzi n'aborozi mu gushyigikira ubuhinzi n'ubworozi bw'umwuga, kumenya guhitamo ubuhinzi cyangwa ubworozi runaka, kubukora kinyamwuga no kongerera agaciro umugaruro, ntibirakoresheya uko byakagombye mu guhindura ubuhinzi n'ubworozi bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga. Niyo mpamvu kugirango ibi bishoboke, PSTA 4 yubakiye ku nkingi 4 zikurikira:

Inkingi ya 1: Ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi. Iyi nkingi ni umusingi w'ubumenyi n'ikoranabuhanga bikenewe ku nkingi ya 2 n'iya 3 zikurikira. Ingufu nyinshi zizashyirwa mu kunoza ubushakashatsi mu buhinzi n'ubworozi no guhanga udushya, by'umwihariko kongera imbuto nziza n'amatungo meza. Imishinga iteza imbere udushya tuvuye mu bushakashatsi izashyirwaho ku bufatanye hagati ya Leta n'abikorera ndetse n'ubufatanye n'ibindi bigo by'ubushakashatsi n'abikorera.

Inkingi ya 2: Kongera umugaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ikirere. Iyi nkingi igamije iterambere ry'ubuhinzi burambye. Ibyanya byuhirwa bizongerwa ndetse n'amaterasi y'indinganire azarushaho kurwanya isuri.

Igenzura ry'amafumbire atangiza ubutaka bizatuma imbuto nziza zibasha kuboneka no gukoreshwa neza. Mu rwego rwo kongera umusaruro w'ubworozi, PSTA 4 ishyira ingufu mu kubona ibiryo by'amatungo bikwiriye binyuze mu bufatanye hagati ya Leta n'abikorera, no guteza imbere ubuzima bw'amatungo binyuze muri serivise za ba veterineri zinoze no gukingira amatungo. Mu bijyanye n'ubworozi bwo mu mazi, hazibandwa mu kongera ubwiza bw'amafi n'ibiyatunga bihagije, bityo kandi n'imirire myiza ikazaba iri gutezwa imbere

Inkingi ya 3: Amasoko meza kandi yongera agaciro. Iyi nkingi igamije kunoza amasoko n'uruhererekane hagati y'umusaruro no kuwutunganya mu nganda. Ibi birareba amasoko y'inyongeramusaruro nk'amafumbire, ubwishingizi, n'ishoramari ariko n'ibikorwa by'ibanze kugirango ibi bishoboke. Mu bufatanye n'abikorera, iyi Gahunda y'Ighugu irateganya gushyiraho ibikorwa remezo bifatika n'ibidafatika mu ruhererekane rw'abahuriye ku buhinzi cyangwa ubworozi runaka. Mu gufasha abahinzi kubona amasoko, hazarushwaho gusesengura ibijyanye n'amasoko ndetse n'ibisabwa kugirango ibyo beza bigire ubuziranenge n'ibyemezo cyangwa ibyangombwa bisabwa.

Inkingi ya 4: Guteza imbere imikoranire n'inzego. Iyi nkingi igamije kunoza ibijyanye n'amategeko n'amabwiriza ndetse n'ubuhuzabikorwa bw'abari mu buhinzi n'ubworozi bose. Muri uru rwego hazanashyirwaho ikigega cyo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi kizaba kigamije guha ingufu ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera. Itumanaho naryo rizitabwaho mu rwego rwo kumenyekanisha neza imiterere y'ubuhinzi n'ubworozi n'amahirwe y'ishoramari arimo, kandi no kumenyekanisha ibikorwa byose ku bafatanyabikorwa mu buhinzi n'ubworozi.

MINAGRI niyo iri ku isonga mu gushyira mu bikorwa izi Ngamba n'inkingi zazo zose uko ari 4. Izafatanya n'ibigo biyishamikiyeho, izindi minisiteri zifite aho zihurira n'ubuhinzi, Uturere n'abikorera ku giti cyabo. Imikoranire n'inzego z'ibanze ni ngombwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'izi Ngamba. PSTA 4 izongerera MINAGRI ubushobozi bwo gukorana neza n'abafatanyabikorwa no guhuza ibikorwa hagambiriwe iteganyabikorwa rihuriweho, ishyirwa mu bikorwa n'ikurikirana bikorwa mu kureba ibyagezweho n'impinduka zabaye. PSTA 4 yita cyane ku biganiryo n'imiryango itari iya Leta iteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, by'umwihariko ihagarariye abahinzi, urubyiruko, abakoresha umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi n'imiryango yigenga.

1 . INTANGIRIRO


PSTA 4 itegerejweho byinshi mu rwego rwo kongera umusaruro w’ubuhinzi n’ubworozi, ubukungu bw’Igihugu n’ubw’abaturage, by’umwihariko abahinzi n’aborozi. Ishingiye ku byo Igihugu kimaze kugeraho mu iterambere rusange n’ingamba z’igihe kirekire u Rwanda rwafashe kugirango ubukungu bwarwo burusheho kuzamuka vuba.

1.1 . Ibijyanye na politiki y’imbere mu gihugu

U Rwanda rurifuzza kuba mu bihugu bifite ubukungu buciriritse mu mwaka wa 2035 no mu bihugu bifite ubukungu bwo hejuru mu mwaka wa 2050 hagamijwe kugeza abaturage barwo ku bukungu n’imibereho yo ku rwego rwo hejuru. icyerekezo cy’u Rwanda mu mwaka wa 2050 igaragaza uruhare nunini rw’inganda zitunganya ibikomoka k’ubuhinzi n’ubworozi n’ikoranabuhanga mu buhinzi hagamijwe gusagurira amasoko mu nkingi yayo ya gatatu: Ivugurura rigamije uburumbuke. Byongeye kandi PSTA 4 ni gahunda y’ishyirwa mu bikorwa rya politiki y’igihugu y’ubuhinzi 2017-2030 (NAP), ishyiraho umurongo mugari wa politiki yo kuzamura umusaruro, ubuhinzi butangiza ibidukikije kandi buganisha ku masoko mu cyerekezo cy’umwaka wa 2030.



ICYEREKEZO 2050:
Umusaruro mwinshi ugezwa ku
nganda ziwulunganya



ICYEREKEZO 2050:
Umuryango ufite imbereho
myiza.



1.2 . Ibijyanye na politiki mpuzamahanga

Ku rwego rw'umugabane w'Afurika, PSTA 4 yerekana ubushake bw'u Rwanda mu gushyira mu bikorwa Gahunda Nyafurika yo Guteza Imbere Ubuhinzi (CAADP). Muri uru rwego, ibyemezo by'Abakuru b'Ibihugu by'Afurika bafatiye i Malabo bishyiraho ibipimo byihariye by'urwego rw'ubuhinzi mu kongera uruhare rwabwo mu izamuka ry'ubukugu, amahirwe y'ubukungu, imirire no kwihaza mu biribwa. Ibi byemezo by'Abakuru b'Ibihugu by'Afurika bitsindagira uruhare rwihariye rw'abikorera ku giti cyabo n'ubufatanye na za Leta z'ibihugu. PSTA 4 kandi ihuje n'Ingamba z'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Iburasirazuba bw'Afurika (EAC) yo mu cyerekezo cy'umwaka wa 2050 cyo kongera ishoramari no gushyigikira izamuka ry'umugaruro w'ubuhinzi hagamijwe kwihaza mu biribwa no kuvugurura ubukungu bw'icyaro. Byongeye kandi, PSTA 4 igamije gufasha Igihugu kugera ku Ntego z'isi z'iterambere rirambye mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi mu gihe u Rwanda rwifuzaga cyane kuzakira Ikigo cy'Afurika cy'izo ntego z'iterambere rirambye.

1.3 . Mu bukungu

U Rwanda rurakataje mu nzira yo kuva mu bihugu bifite ubukungu bwo hasi rugana mu bihugu bifite ubukungu buciriritse. Hagati y'umwaka wa 2000 n'uwa 2006, ubukungu bw' u Rwanda bwazamutse ku mpuzandengo ya 7,9% buri mwaka, ku buryo muri 2016 ubukungu bwarwo bwari bumaze kwikuba incuro zirenga 3,5 ugereranije n'uko bwari buri muri 2000. Muri icyo myaka, umugaruro mbumbe w'igihugu ku muturage warazamutse uva ku madolari y'Amerika 242 ugera kuri 729, na none ubukene bwaraganutse buva ku baturage 60.3 ku ijana bugera ku baturage 39,1 ku ijana. icyizere cyo kubaho cy'umunyarwanda cyavuye ku myaka 48,2 muri 2000 kigera ku myaka 64,5 muri 2015, mu gihe impfu z'abana nazo zagabanutse ziva ku bana 183/1000 zigera ku bana 42/1000.

Ku gipimo mpuzandengo cya 5,3% buri mwaka, urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi rwikubye incuro zirenga 2 kuva muri 2000 kugeza muri 2016. Amavugurura yabaye mu gihe gishize muri politiki n'ishoramari byatumye umugaruro w'ubworozi uzamuka kubera umubare munini w'inka zitanga umugaruro zorojwe abaturage. Ariko haracyakenewe kongera ingufu mu

kubona ibiribwa by'amatungo bya ngombwa, kugaburira amatungo no kwita ku buzima bwayo.

Kwihaza mu biribwa n'imirire iboneye biracyari ikibazo, n'ubwo bwose umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi wagiye wiyongera ku buryo bufatika mu myaka 10 ishize.

Mu murongo w'icyerekezo cya 2020, haracyari urugendo rwo kuva mu buhinzi bw'amaramuko tujya mu zindi nzego z'ubukungu budashingiye ku buhinzi. Muri uru rwego, umubare w'abakora mu buhinzi waramanutse uva kuri 88,6 % muri 2001 ugera kuri 68 % muri 2014. Umubare munini w'abakora mu buhinzi ugizwe n'abahinzi ku giti cyabo (65 %), mu gihe abakorera umushahara mu buhinzi ari 35 %. Abagore bagize 66 % by'abakora mu buhinzi. U Rwanda ubu ruri ku mwanya wa 41 ku isi no ku mwanya wa 2 muri Afurika mu korohereza abakora ibikorwa biteza imbere ubukungu.

2 . IMBOGAMIZI ZIHARI

MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho byiyemeje gukomeza kunoza uburyo bwo korohereza **abakora ibikorwa biteza imbere ubukungu mu buhinzi n'ubworozi. Ibi birasaba kubonera umuti ingorane zikurikira:**

- ▶ Uduzambu duto no kubura ubutaka bwo gukoreraho ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi ni ingorabahizi mu kongera umusaruro n'inyungu ku bahinzi benshi;
- ▶ Kubera ubutaka buto mu Rwanda, ukugunduka kwabwo n'isuri ni imbogamizi zikomeye mu buhinzi;
- ▶ Umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi ugomba guhuzwa n'ubwiyongere bwinshi bw'abaturage mu kubonera abatuye mu mijyi ibibatunga no gutanga akazi mu cyaro;
- ▶ Byongeye kandi imbogamizi mu kubona amakuru no koroshya ishoramari bidindiza ubushobozi bwo gucuruzwa;
- ▶ Amasoko n'uruhererekane rw'abahuriye ku buhinzi cyangwa ubworozi runaka bitameze neza bidindiza kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa;

- ▶ Kutabona ubushobozi bw'ishoramari mu buhinzi bibangamira abahinzi mu guhangana n'ingaruka ziri mu mwuga wabo zituma umusaruro n'urwunguko babona bitiyongera;
- ▶ Kongera umusaruro w'ubuhinzi ku buryo burambye bisaba ko abahinzi bafashwa mu kunoza uburyo bahangana n'ihindagurika ry'ikirere n'ibiciro ku masoko;
- ▶ Ubumenyi bukiri hasi bw'abahinzi bubangamira ubwiyongere bw'umusaruro n'urwunguko abahinzi babona;
- ▶ Urwego rw'ubuhinzi kuri ubu ntirurabyaza umusaruro uruhare abagore n'urubwiruko bakagombye kugira;
- ▶ Uruhare rw'urubwiruko mu buhinzi rwakagombye kunozwa.


IMBOGAMIZI :
*Abaturage benshi, ubutaka buto
 kandi bwagundutse
 butanga umusaruro udashimishije.*



3 . AMAHIRWE AHARI

N’ubwo hari imbogamizi nyinshi ariko hari n’amahirwe menshi:

- ▶ Ubukungu buzamuka ku buryo bushimishije buri kongera amahirwe yo kugera ku masoko y’imbere mu gihugu no hanze yacyo ku musaruro ukomoka ku buhinzi n’ubworozi;
- ▶ Ubukungu bw’u Rwanda bugenda bukingura amarembo ku bucuruzi bwo mu karere no ku isi ;
- ▶ Abaturage bakiri bato bazakangurirwa kwinjira mu bikorwa by’ubuhinzi n’ubworozi no gutunganya umusaruro;
- ▶ Guhanga udushya mu buhinzi rishobora guteza imbere umusaruro no kuganisha ku kwihaza mu biribwa, kongera ubukungu bw’abahinzi no kurinda umutungo kamere;
- ▶ Ikoreshwa ryiza ry’ikoranabuhanga mu itumanaho ryatuma umusaruro w’ubuhinzi n’ubworozi wiyongera ku buryo budahenze kandi ni ingenzi mu kugera ku bantu ku buryo bwagutse.



4. INZEGO Z'UBUHINZI MU RWANDA

MINAGRI ihuza ibikorwa by'inzego za Leta n'izigenga zikora mu buhinzi n'ubworozi. Inshingano yayo ni ukugera ku kwihaza mu biribwa n'imirire myiza no kugira uruhare mu izamuka ry'ubukungu binyuze mu gushyiraho, guteza imbere no gucunga gahunda zihindura zikanateza imbere ubuhinzi mu Rwanda

MINAGRI ifite ibigo bibiri biyishamikiyeho: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda (RAB) n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB). Inshingano ya RAB ni uguteza imbere ubuhinzi n'ubworozi binyuze mu bushakashatsi, iyamamazabuhinzi hagamijwe kongera umusaruro. NAEB yo yibanda ku ishyingirwa mu bikorwa rya politiki na gahunda z'Igihugu zifasha iterambere ry'ubucuruzi mu kongera ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

5. IMITERERE YA PSTA 4

5.1 . Inshingano, icyerekezo n'intego za PSTA 4

PSTA 4 igamije guhindura ubuhinzi bw'u Rwanda bukava ku buhinzi bw'amaramuko bukaba ubuhinzi bushingiye ku bumenyi kandi bwongera ubukungu, bukagira uruhare mu bukungu bw'Igihugu, bukanatuma twihaza mu biribwa no mu mirire myiza ku buryo burambye. Ni gahunda y'ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi. Icyerekezo cyayo ni kimwe n'icy'iyi politiki: 'Igihugu cyihagije mu biribwa no mu mirire iboneye, n'iterambere rirambye ry'ubuhinzi buva ku buhinzi bwongera umusaruro, butangiza ibidukikije kandi buganisha ku masoko mu cyerekezo cya 2030”.

PSTA 4 ishyingikira intego y'inkingi za Gahunda y'Igihugu y'Impinduramatwara mu bijyanye n'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage, mu kwihutisha iterambere ridaheza rishingiye ku bikorera ku giti cyabo, ubumenyi n'umutungo kamere w'u Rwanda”, no “guteza imbere abanyarwanda kugira ngo babe abantu bafite ubushobozi n'ubumenyi, imibereho myiza n'umutekano”.

5.2 . Icyerekezo gishya

PSTA 4 icumbura PSTA 3 ikubakira ku byiza byagezweho n’amasomo yabonetsemo. Ariko mu rwego rwo gusubiza ibibazo bigenda bigaragara n’impinduka z’imiterere y’inzego, PSTA 4 izanye impinduka ku buryo bukurikira:

- ▶ **Uruhare rukomeye rw’urwego rw’abikorera (harimo n’abahinzi), aho Leta irekurira abikorera imirimo imwe n’imwe ikanashyiraho uburyo butuma babasha kuyikora neza.** PSTA 4 ishyira imbere ko Leta yatanga ibikenerwa rusange, ikagabanya uruhare rwayo mu bikorwa nyirizina byo kongera umusaruro, kuwutunganya no kuwucuruza, ahubwo igashyiraho uburyo bushya bw’imikoraniye n’urwego rw’abikorera mu gushora imari mu bikorwa biteza imbere ubuhinzi.
- ▶ **Kwita by’umwihariko ku nyungu y’ubuhinzi n’ubucuruzi bw’ibibukomokaho.** Kubera ubutaka buto n’abaturage biyongera cyane, kuzamura umusaruro uva ku butaka buto bizitabwaho cyane kugirango haboneke inyungu ku byashowemo no ku mirimo yakozwe.
- ▶ **Gukoresha uburyo bwongera ibiribwa kugirango imirire no kwihaza mu biribwa byitabweho.** Gukora ku buryo ubuhinzi no kwihaza mu biribwa bijyana n’imirire iboneye, birasaba ko uruhererekane rw’inyongeragaciro ku bihingwa cyangwa ubworozi rwitabwaho.
- ▶ **Guteza imbere ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y’ikirere.** PSTA 4 izubaka ubushobozi bwo guhangana n’ihindagurika ry’ikirere binyuze mu bikorwa byo mu mirima bizamura umusaruro, hitabwa ku bihingwa binyuranye kimwe n’imikoreshereze myiza y’ubutaka.
- ▶ **Kwita by’umwihariko ku buhinzi n’ubworozi bifite agaciro ko hejuru ugereranije n’ibindi (Imboga, imbuto n’indabo, inkoko, ingurube n’amafi).** PSTA 4 yita ku korohereza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu kongera umusaruro w’imboga n’imbuto ibinyujije mu bufasha bwo kugabanya ibigenda ku musaruro n’ubuziranenge ndetse no kwerekera ikoranabuhanga rigezweho.

- ▶ **Guha ingufu udushya tuvuye mu bushakashatsi n'iyamamazabuhinzi.** Kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi bizasaba ubushakashatsi n'udushya ku isonga, kimwe n'ubumenyi n'ubushobozi by'abahinzi mu rwego rwo kuba abanyamwuga, kongera umusaruro n'agaciro kawo, naho ikoranabuhanga mu itumanaho rikazafasha kongera impinduka zivuye mu ikwirakwiza ry'amakuru yafasha ubuhinzi n'ubworozi.
- ▶ **Kurushaho kunoza ubuhuzabikorwa bukozwe na Leta no kureshya abafatanyabikorwa.** Mu gihe gishize hatangijwe imihigo ihuriweho n'inzego za Leta n'abikorera ku giti cyabo, kandi iyo mihigo ni ingenzi mu gushyira mu bikorwa ibyateganijwe binyuranye.





5.3 . Impinduka zitegerejwe kuri PSTA4 n'uburyo zizagerwaho

PSTA 4 ni uburyo bwo kugera ku ntego z'itangazo rya Malabo zikurikira:

1. Kurushaho kuzamura ubukire;
2. Amahirwe y'ubukungu n'uburumbuke Imirimo no kugabanya ubukene;
3. Kurushaho kwihaza mu biribwa n'imirire myiza;
4. Kurushaho guhangana n'ihindagurika ry'ikirere ku buryo burambye.

5.4 . Inkingi z'ingenzi za PSTA 4


PSTA 4 yubakiye ku nkingi z'ingenzi enye zikurikira:

- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 1: Ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi** ni umusingi w'ubumenyi ku nkingi ya 2 n'ya 3. Ikigamijwe ni ukurushaho kunoza ubumenyi n'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi mu bijyanye

n'ubushakashatsi n'udushya by'ibanze, guteza imbere serivisi z'iyamamazabuhinzi, kimwe n'ubumenyi n'amakuru bigera ku bagize uruherekane nyongeragaciro rw'ubuhinzi cyangwa ubworozi.

- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 2: Kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ikirere.** Inshingano nkuru ya MINAGRI ni ukuzamura umusaruro w'ibihingwa n'ubworozi. PSTA 4 izita by'umwihariko ku ukureba uko umusaruro uhuzwa n'imirire myiza, uramba kandi udahungabanywa n'ihindagurika ry'ikirere.
- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 3: Amasoko meza no kongera agaciro.** Iyi nkingi inoza ibijyanye n'amasoko, guhuza umusaruro no kuwutunganya. Ibi birimo inyongeramusaruro nk'amafumbire, ubwishingizi, imari kimwe n'ibikorwa bibanziriza amasoko nk'umusaruro uhuje n'amasoko atandukanye, kongerera umusaruro agaciro, ibikorwa remezo no kwitegura kohereza umusaruro mu mahanga.
- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 4: Guteza imbere imikoranire n'inzego.** Iyi nkingi itanga umurongo n'amabwiriza ngenderwaho ikanerekana uruhare rwa Leta. PSTA 4 ishyira imbere ishyirwaho rya politiki zisubiza ibibazo bihari binyuze mu ikusanya n'isesengura makuru rinoze na politiki zishyirwaho, no kunoza igenamigambi, by'umwihariko guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa.

Ishusho igaragaza Imbonerahamwe y'inkingi z'ingenzi za PSTA 4



5.5. TUMENYE BIRAMBUYE IZO NHINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4

INKINGI YA 1: UBUSHAKASHATSI N'IYAMAMAZABUHINZI





Ubushakashatsi bushingiye ku byifuzwa n’abagenerwabikorwa no ku dushya (R&D) ni umurimo w’ingenzi w’inzego za Leta zibishinzwe mu guteza imbere ubuhinzi n’ubworozi.

Uburyo bw’iyamamazabuhinzi bwa Twigire-Muhinzi-Mworozi butuma abahinzi n’aborozi babona serivisi z’iyamamazabuhinzi, ikoranabuhanga n’ubumenyi bakeneye. Iki gamiye ni ukubaka ubushobozi bw’abahinzi n’aborozi mu kumenya ibibazo, kugerageza ibisubizo bishoboka no guhitamo imikorere n’ikoranabuhanga bikemura bya bibazo bafite batiyibagije impinduka zigenda zigaragara uko ibihe zigenda bihita.

N’ubwo ibikorwa by’iyamamazabuhinzi bikorwa na Minisiteri y’Ubuhanzi n’Ubworozi na Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu, PSTA 4 ishize imbere kongera uruhare rw’abikorera ku giti cyabo mu bikorwa by’iyamamazabuhinzi. Haracyari kandi byinshi byo gukorwa mu kongera ubumenyi n’ubushobozi by’abahinzi n’imiryango ibafasha kunoza umwuga wabo.

Impinduka itegerejwe

Impinduka itegerejwe kuri iyi nkingi ya 1 ni ikoranabuhanga riteye imbere n’ubushobozi bwiyoungereye bw’abahinzi n’aborozi ndetse n’abandi bagize uruhererekane rw’umusaruro, ku buryo bafata ibyemezo bishingiye ku makuru nyayo kandi bakinjira no mu bindi bikorwa bibyara inyungu bitari ubuhinzi.

Ibi bizagerwaho binyuze mu: (1) guteza imbere ubushakashatsi n’udushya bijyanye n’ibikenewe muri buri karere, (2) imirimo y’iyamamazabuhinzi isubiza ibibazo n’ibikenewe mu bahinzi n’aborozi bo mu karere runaka, kimwe no (3) guteza imbere ubumenyi-ngiro mu bagize uruhererekane rw’umusaruro. Muri iyi nkingi y’ingenzi harimo:

1.1 Guteza imbere ubushakashatsi n’udushya

Intego: Kubaka ubushakashatsi bufite ingufu kandi busubiza ibibazo by’abaturage, buteza imbere kandi bugasakaza inyongeramusaruro ziberanye n’akarere, ikoranabuhanga n’udushya bituma umusaruro wiyongera kandi n’ibyago byawukoma mu nkokora bikagabanuka. Muri PSTA 4 ubushakashatsi buzibanda nko ku miterere y’ubutaka n’uburumbuke bwabwo, indwara n’ibyonyi, (harimo n’uburyo bwo kurwanya indwara bukomataniye/IPM), gukora imbuto zirwanya cyangwa zihanganira indwara, n’ubwoko bw’amatungo atanga umusaruro mwinshi, uburyo bwiza bw’imihingire (harimo n’ubuhinzi cyangwa ubworozi byihanganira imihindagurikire y’ikirere). Ubushakashatsi buzibanda kandi no ku bindi bititaweho mu gihe cyashize by’umwihariko nk’ubworozi bw’amafi mu biyaga no mu byuzi.

1.2 . Iyamamazabuhinzi n’ubujyanama byegerejwe abaturage

Intego: Kongerera ubushobozi abahinzi n’aborozi mu gufata ibyemezo bishingiye ku makuru nyayo, no gushyira mu bikorwa udushya mu buhinzi tugamije kongera ingano, ubwinshi n’ubwiza by’umusaruro w’ubuhinzi.

Birazwi nezako abahinzi basobanutse bafata ibyemezo byiza, ariko abahinzi bakeneye ubufasha bunyuranye busaba umwihariko w’uburyo bikorwamo. PSTA 4 iteza imbere uburyo bw’uruhurirane rw’abantu banyuranye batanga serivisi z’ubuhinzi, bwita ku ruhare rw’abikorera ku giti cyabo kandi


butangaubwisanzure buhagije ku rukomatane rw'imihingire, ingano y'ubutaka/isambu, ubushobozi, n'imibereho y'abagenerwabikorwa, n'ibindi

1.3 . Kubaka ubumenyi ngiro bw'abagize uruhererekane rw'umugaruro

Intego: Gushyigikira no guha ubushobozi abagize uruhererekane rw'umugaruro bari mu cyaro kugira ngo binjire mu bikorwa bibabayarira inyungu haba mu buhinzi n'ubworozi cyangwa hanze yabwo.

Imiryango y'abahinzi, impuzamiryango n'amashyirahamwe ashingiyeye ku buhinzi cyangwa ubworozi nibyo bishingirwaho mu iterambere rirambye ry'ubuhinzi n'ubworozi. Iyo miryango ikeneye gutera imbere ikanacungwa neza ku buryo bw'umutungo, ikabasha guha serivisi nziza abanyamuryango bayo ikanabakorera n'ubuvugizi mu bafatanyabikorwa banyuranye.

**INKINGI Y'INGENZI YA 2: KONGERA UMUSARURO NO GUHANGANA
N'IHINDAGURIKA RY'IKIRERE**





Ibihingwa nibyo bigize igice kinini cy'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda. Nibyo shingiro ryo kwihaza mu biribwa n'imirire myiza n'ubukungu bw'abahinzi. Mu gihe gishize leta yagiye ishyira imbaraga mu kwegurira abikorera ku giti cyabo ibijyanye no gutumiza amafumbire n'imbutu hanze. Ariko umusaruro w'ibihingwa byinshi iracyari hasi y'umusaruro wakagombye kuba uboneka ndetse n'agacyi kawo ku masoko karacyari hasi. Ingaruka ni uko umusaruro n'inyungu tubyaza ubutaka bwacu bikiri hasi. Mu mpamvu z'iki kibazo harimo kutabonera inyongeramusaruro ku gihe no kutazikoresha uko bikwiriye, ubumenyi bucyeye, ishoramari rikiri hasi, ikoranabuhanga n'amasoko bitanze. Imihindagurikire y'ikirere nayo igira ingaruka mbi ku musaruro w'ubuhinzi, ibi bigatuma ari ngombwa ko hatezwa imbere uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no gucunga neza ubudahangarwa bw'abaturage kuri izo ngaruka.

Impinduka itegerejwe

Impinduka itegerejwe ku nkingi ya 2 ni ukuzamuka k'umusaruro, imirire no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere binyuze mu buryo bwongera umusaruro burambye, bunyuranye kandi bukomatanya ibihingwa, amatungo n'amafi.

Guteza imbere umusaruro w’ubuhinzi n’ubworozi ntibishingira gusa ku ishoramari n’ikoranabuhanga. Bisaba kuzamura ubumenyi-ngiro, amasoko meza na politiki y’ukuri n’inzego ziboneye. Bitewe n’ubuto bw’ubutaka bw’u Rwanda, kongera umusaruro ukomoka ku murimo n’ubutaka buto cyane bisaba gukora ibidasanzwe. Ibi bizagerwaho binyuze mu (1) kubyaza umusaruro mwinshi ku butaka buto no kububungabunga, (2) uburyo bunoze bwo kuhira imyaka, (3) Kongera umusaruro ukomoka ku bworozi n’uburyo bukomataniye bwo kuwongera, (4) ubuhinzi buzana intungamubiri zituma indyo yuzuye ya buri muni iboneka, ndetse (5) no kwita ku mikoreshereze y’amasambu iteza imbere guhangana n’imihindagurikire y’ikirere. Muri iyi nkingi y’ingenzi harimo:

2.1 Uburyo burambye bwo kubungabunga ubutaka no kongera umusaruro

Intego: Kongera umusaruro w’ibihingwa mu Rwanda mu buryo burambye kandi bujyana n’imihindagurikire y’ikirere. Ibi birasaba ishoramari mu kubungabunga ubutaka n’amazi ku buryo burambye. Bityo mu guhuza imihingire myiza no kubungabunga ubutaka hitabwa ku bihingwa n’ubworozi bizana inyungu nyinshi kandi vuba, ndetse bifite n’amahirwe menshi yo kubona amasoko meza, izamuka ry’umusaruro ku buryo burambye bizabasha kugerwaho.

2.2 Kuhira imyaka biboneye mu rwego rwo gucunga neza umutungo w’amazi

Intego: Guteza imbere umutungo w’amazi kugirango twongere ku buryo burambye umusaruro w’ubuhinzi n’ubworozi no kongera umubare w’uruhererekane rw’umusaruro.

Kugirango hatezwe imbere ikoranabuhanga riciriritse kandi rirambye ryo kuhira imyaka, leta y’u Rwandayashyize ho umushinga wo guteza imbere uburyo buciriritse bwo kuhira imyaka hagamijwe kongera umusaruro no guteza imbere ubuhinzi buganisha ku masoko. PSTA 4 ishyira ingufu mu ikoresha ryiza ry’amazi binyuze mu gukoresha tekini za kijyambere, imbuto nziza kandi ziberanye n’akarere n’iteganyabikorwa rinoze, kugirango gukura kw’ibihingwa guhuzwe n’amazi aboneka mu gihembwe cy’ihinga bijyanye n’uburyo bukomatanyije bwo kurwanya indwara n’ibyonyi by’ibihingwa.

2.3 Uburyo bwo kongera amatungo n'ibiyakomokaho

Intego: Kongera umusaruro w'amatungo, ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwandaku buryo burambye no kunoza uburyo ibikomoka ku bworozi biboneka kandi bidahenze.

Urwego rw'ubworozi rwakomeje kugenda rutera imbere mu gihe gishize, ikigamijwe akaba ari ugukomereza aho muri PSTA 4. Ubworozi bw'amatungo magufi bwongera ubukungu bw'ingo, guhangana n'ibihe bibi no guteza imbere imirire iboneye mu ngo. Gusimbuza inyama zitukura zikoreshwa imbere mu gihugu inyongera y'inyama z'inkoko n'ingurube bizatuma igiciro cy'inyama kigabanuka imbere mu gihugu, kandi byongere inyama zoherezwa ku masoko yo hanze y'igihugu. Kugirango dukoreshe amahirwe n'ubushobozi bwo kongera umusaruro w'inkoko n'ingurube birasaba kongera ishoramari mu bikorwa byo guhindura amahitamo y'abaguzi. Byongeye kandi ubworozi n'uburobyi bw'amafi ni urwego rutarabyazwa umusaruro uko byakagombye mu kongera ubukungu no guteza imbere imirire inoze mu cyaro. Na none kandi ibikorwa byo kwita ku buzima bw'amatungo birakenewe, cyane cyane mu byaro ahagoye kugerwa kandi nyamara ariho haberanye n'ubworozi. Aho ishoramari ry'abikorera ku giti cyabo rigoranye n'inyungu ikaba ikiri hasi, ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera buzatezwa imbere kugirango impfu z'amatungo zigabanuke.

2.4 Ubuhinzi bwita ku mirire myiza

Intego: Guharanira ko ubuhinzi butuma ubwinshi n'ubwiza bw' ibikenewe mu mirire biboneka ku rwego rw'igihugu no mu ngo. Ubuhinzi bwita ku mirire myiza bushyira imbere ibiribwa byihariye bizana impinduka mu mirire y'abantu nko kugabanya ibura ry'intunga mubiri no kugwingira. MINAGRI izakorana bya hafi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwita ku mirire no kwihaza mu biribwa, bushinzwe guhuza ibikorwa bijyanye n'imirire mu nzego z'inyuranye mu Gihugu, no gukemura ikibazo cy'intunga-mubiri zidahagije binyuze mu ishoramari ry'Uturere mu buhinzi n'iterambere ry'icyaro.

2.5 Ingamba zo kongera ihangana n'imihindagurikire y'ikirere

Intego: Kuzamura no guteza imbere uguhangana n'imihindagurikire y'ikirere kugirango tugabanye kandi tugendane n'ihindagurika ry'ikirere n'ingaruka zaryo binyuze muri zerivisi z'iteganyagihe.

Guteza imbere ubuhinzi bwihanganira ingaruka z'ihindagurika ry'ikirere bishobora kugerwaho hakoreshwa uburyo bwo gutabariza ibihe bibi bikomatanyije no guteganyiriza ibihe bibi aho guhangana n'ingaruka zabyo. Ibi bisaba guteza imbere iteganyagihe n'itegura ry'ibihembwe by'ihinga, gukurikirana ibiza no kugenzura indwara n'ibyorezo hagamijwe kumenyekanisha amakuru hakiri kare, no kurwanya ku buryo buhamye indwara, hanashyirwaho uburyo bwo gushumbusha ingo zikennye zahuye n'ibyo biza.

INKINGI Y'INGENZI 3: AMASOKO MEZA NO KONGERA AGACIRO



Leta y'u Rwanda yemera ko ari ngombwa guteza imbere ishoramari, gukorana n'abandi bo mu rwego rugari rw'abikorera, no guhuza nyabyo amasoko y'abaguzi. Byongeye kandi Leta y'u Rwanda igira uruhare runini mu gutanga amakuru akenewe ku mahirwe y'ishoramari, korohereza serivisi y'ishoramari harimo no kubonera ubutaka ababukeneye, no guharanira ireme n'ubudaheza. Leta y'u Rwanda izongera uruhare rwayo mu korohereza amasoko kugirango abikorera bayagane ku bwinshi. Ubuhinzi bwo mu Rwanda buracyakorera ahantu hato kandi hatatanye. Ubuhinzi buganisha

ku masoko kandi butandukanya imisaruro hakurikijwe amasoko buracyafite intege nke, n’abahinzi n’aborozi baracyabura amakuru y’ibanze n’ubumenyi ku masoko. Inyongera ifatika y’umugaruro ishobora kugerwaho mu gihe ikibazo cy’ibihombo bituruka mu kutabika no kudatunganya uko bikwiye umugaruro gikemutse.

Impinduka itegerejwe

Impinduka itegerejwe kuri iyi nkingi y’ingenzi ya 3 ni umugaruro urushijeho kwiyongera n’amasoko adaheza no kongera agaciro k’umugaruro no gupiganwa kw’ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi binyuranye, haba ku masoko y’imbere mu gihugu, mu Karere no mu mahanga. Ibi bizagerwaho ku buryo bukurikira: (1) Gushyigikira umugaruro ugezwa ku masoko binyuze mu guhuza amasoko n’abagize uruhererekane rw’umugaruro, (2) Guteza imbere amasoko akorera mu mucyo n’uburyo bwo gushyiraho ibiciro na serivisi z’ishoramari zidaheza, kimwe no (3) guharanira ireme n’amabwiriza asobanutse mu bagize uruhererekane rw’umugaruro, hagamijwe kuzanura umugaruro no kugera ku masoko, guteza imbere ubwiza n’isuku y’ibiribwa bicuruzwa ku masoko y’imbere mu gihugu n’ibyoherezwa hanze. Muri iyi nkingi y’ingenzi ya 3 harimo:

3.1 Guhuza amasoko

Intego: Koroshya uburyo bwo kugera ku masoko no guha ingufu uruhererekane rw’umugaruro rudaheza bityo hagahuzwa amasoko y’imbere mu gihugu, hagaraniwa ko ibikenewe ku masoko biboneka, tukerekeza no ku masoko agenda akura yo mu karere no mu mahanga. Amasoko y’ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi afite ingorane kandi ariho ipiganwa rikomeye, ahura kandi kenshi n’umugaruro mwinshi cyangwa ibura ryawo ku masoko y’imbere mu gihugu, mu karere no mu mahanga, akanarangwa n’inyungu ntoya cyane mu bagize uruhererekane rw’umugaruro.

Amakuru yizewe kandi adahindagurika ku masoko bishobora gutuma ibigezwa ku masoko byiyongera n’ishoramari mu bwiza cyangwa ubushobozi bikiyongera. Hakenewe kunoza ubucuruzi no kongerera ingufu uruhare rw’amakoperative y’abahinzi n’aborozi n’amakusanyirizo y’abikorera ku giti cyabo mu kugena no kwamamaza amasoko y’ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi. Ibi bikorwa mu kurushaho kunoza amakuru ajyanye n’amasoko,

guteza imbere abashoramari mu buhinzi no kongerera ingufu amasezerano akorwa hagati y'abahinzi n'abakenera umusaruro wabo.

3.2 Kwita ku ngorane zaboneka ku masoko y'ibikomoka ku buhinzi na serivisi z'imari

Intego: Guha ingufu serivisi z'imari mu buhinzi zisubiza ibyifuzo by'abahinzi kandi zidaheza, no kugabanya ibibazo byavuka bijyanye n'amasoko, bityo hagategwa imbere uburyo bwo kugera ku mari n'igishoro byunguka mu kunoza umusaruro no kuwongerera agaciro.

Kugera kuri serivisi z'imari bikorwa ahanini n'ibigo bitari amabanki, by'umwihariko SACCO n'abatanga serivisi z'ihanahana ry'amafaranga hakoreshejwe za telephone. Ibibazo bishingiye ku masoko (urugero: ihindagurika ry'ibiciro) n'umusaruro (urugero: ihindagurika ry'ikirere, indwara n'ibyonnyi) bigira ingaruka k'umusaruro n'iterambere ry'urwego rw'ubuhinzi. Abatageze kuri 0.5 ku ijana nibo bemeza ko bakoresha ubwishingizi mu buhinzi. Byongeye kandi, uburyo bwo gushyiraho ibiciro ku masoko mu mucyo buracyenewe kugirango hirindwe ibibazo n'ihindagurika ry'ibiciro.

3.3 Kwita ku ireme ry'amategeko n'amabwiriza ashwirwaho

Intego: Kongera ubwiza bw'umusaruro n'ireme ry'amategeko n'amabwiriza bigenga uruhererekane rw'umusaruro, guteza imbere umusaruro no kugera ku masoko, kongera irushanwa no kunoza ubwiza n'isuku y'ibiribwa haba ku masoko y'imbere mu gihugu no ku byoherezwa mu mahanga.

Urwego rw'amategeko n'amabwiriza, n'ihuzabikorwa ry'ibigo by'ingenzi n'ishyirwamubikorwa ryayo rinoze byongera umusaruro no kurushanwa hagati y'abagize uruhererekane rw'umusaruro

INKINGI Y'INGENZI YA 4: GUTEZA IMBERE IMIKORANIRE N'INZEGO



Kwihutisha ubucuruzi n'ishoramari ry'abikorera mu buhinzi n'ubworozi bisaba politiki nziza, amategeko n'amabwiriza ndetse n'inzego zisubiza ibyifuzo by'abahinzi n'aborozi n'abashoramari. PSTA 4 irasaba imikoranyire ikomeye

hagati y'inzego. Uhereye ku ivugurura no kwegereza abaturage ubuyobozi, MINAGRI ishinzwe gushyiraho politiki z'ubuhinzi. Mu gihe itangwa rya za serivisi ku bahinzi n'aborozi bishinzwe RAB na NAEB, by'umwihariko n'inzego z'ibanze. Umusaruro uganisha ku masoko ushobora gutezwa imbere binyuze mu kuganira hagati ya Leta n'abikorera bagize uruhererekane rw'umusaruro, ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera no guteza imbere ishoramari. PSTA 4 kandi ikora ubuvugizi ku ruhare rw'abikorera mu gutanga serivisi z'ubuhinzi no gucunga ibikorwa remezo byo mu buhinzi.

Impinduka itegerejwe 4

Impinduka itegerejwe kuri iyi nkingi y'ingenzi ya 4 niitangwa rya serivisi zinoze ry'inzego za Leta n'abikorera ku bafatanyabikorwa.

Ibi bizakorwa binyuze mu uguteza imbere (1) ubushozi bw'inzego z'ubuhinzi bwo gutanga serivisi, (2) gushyiraho amategeko n'amabwiriza ashingiye ku bibazo bihari, (3) ubucuruzi bw'uruhererekane rw'umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, (4) iteganyabikorwa, ihuzabikorwa n'ingengo y'imari binoze, kimwe no (5) gutanga ubumenyi binyuzemu ikurikirana n'isuzuma-bikorwa no kwigira ku masomo yavuye mu byakozwe. Muri iyi nkingi y'ingenzi ya 4 harimo:

4.1 . Guteza imbere inzego z'ubuhinzi

Intego: Guteza imbere imikorere no guha ingufu itangwa rya serivisi zegerejwe abaturage

Urufatiro mu kugira inzego zubatswe neza kandi n'itangwa rya serivisi zinoze ni ukuvugurura imiterere y'inzego no kwimakaza ubumenyi bushya n'uburyo serivisi zitangwa, no gushyiraho uburyo bworohereza abatanga za serivisi.

4.2 . Politiki, amategeko n'amabwiriza ashingiye ku bibazo bihari

Intego: Kunoza politiki, amategeko n'amabwiriza bishingiye ku bibazo bihari no guteza imbere uburyo bworohereza abatanga za serivisi

Gushyiraho politiki, amategeko n'amabwiriza agenga urwego rwa serivisi za Leta ni urufatiro rwo guhindura uruhare rwa Leta no kureshya abikorera benshi mu kugira uruhare mu gushora imari no gutanga za serivisi. Ikgamijwe

muri PSTA 4 ni (i) ukurushaho kuganira kuri politiki z'ubuhinzi, (ii) n'uburyo bunoze bwo gushyira mu bikorwa ibyateganijwe, kwegereya amakuru n'uburyo bwo gukora isesengura hagamijwe gufata ibyemezo bikwiriye.

4.3. Ubucuruzi bw'uruhererekane rw'umugaruro mu buhinzi n'ubworozi

Intego: Kongerera ingufu ubucuruzi bw'urwego rw'ubuhinzi hongerwa uruhare rw'abikorera, hatezwa imbere ubuhinzi n'ubworozi bigamije amasoko, gushyira imbere uruhererekane rw'umugaruro w'ubuhinzi n'ubworozi bifite intungamubiri z'agaciro ko hejuru mu gukemura ikibazo cy'indyo ituzuye, no kubona umugaruro mwinshi imbere mu gihugu wongerewe n'agaciro. Muri iki gice, guhuza ibikorwa ni ngombwa cyane. Birazwi ko Itsinda ry'Abafatanyabikorwa mu buhinzi rikeneye guhabwa izindi ngufu binyuze mu kurihuza n'andi matsinda harimo uruhare runini rw'abikorera, tutibagiwe n'abahinzi n'aborozi. Abahinzi n'aborozi bazahurizwa mu mahuriro y'abahuriye ku ruhererekane rw'umugaruro kuva ku Turere kugera ku rwego rw'Igihugu.

4.4. Iteganyabikorwa, ihuzabikorwa no gutegura ingengo y'imari


Intego: Kurushaho kunoza uburyo iteganyabikorwa, ihuzabikorwa n'itegurwa ry'ingengo y'imari bikorwa kandi ku buryo budaheza. Gukora iteganyabikorwa, ihuzabikorwa n'itegurwa ry'ingengo y'imari ku buryo bunoze bituma hatezwa imbere politiki ziri mu murongowa PSTA 4 kandi zishobora guhita zishyirwa mu bikorwa n'abafatanyabikorwa.

4.5. Guteza imbere ubumenyi

Intego: Kubaka ubushobozi hagamijwe guteza imbere ubumenyi, binyuze mu ikurikirana bikorwa rinoze, uburyo bw'isuzumabikorwa no kwiga hakoreshejwe guteza imbere uburyo bwo guhana amakuru.

5.6 . Inkingi rusange


a) Kubaka ubushobozi: PSTA 4 irashaka kubaka no guha ingufu ubushobozi bw'abafatanyabikorwa bo mu cyaro kugirango impinduka zifuzwa zigerweho




b) Uburinganire n'umuryango: Leta y'u Rwanda yiyemeje bikomeye guteza imbere politiki y'uburinganire kandi bigomba kugaragara muri politiki za leta zose no ku nzego zose.




c) Ubuhinzi bwita ku mirire iboneye: Leta y'u Rwanda yiyemeje kwihaza mu biribwa n'imirire myiza kuri bose.



d) Ibidukikije n'imihindagurikire y'ibihe: PSTA 4 ikora ubuvugizi ku ikoresha rirambye ry'imitungo kandi igateza imbere ibikorwa by'iterambere byita ku bidukikije ku ntera zose zo kongerera agaciro umusaruro.



Kurwanya isuri no gukoresha ibifi bivangwa n'imyaka ni ingamba zo kwita ku bidukikije twongera umusaruro w'ubuhinzi.



e) **Imikoranire myiza n'ibihugu duturanye:** NK'umunyamuryango w'Umuryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bwa Afurika (EAC), n'Umuryango w'Ubuhahirane w'Ibihugu byo mu Majyepfo n'Uburasirazuba bwa Afurika (COMESA), Leta y'u Rwandayiyemeje bikomeye kubana neza n'ibindi bihugu no guharanira umwanya mwiza mu ruhando mpuzamahanga.

Ubuhahirane n'ibihugu duturanye bizakomeza kwitabwaho mu kwagura amasoko yibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.




f) Imicungire y'ibiza: Ubuhinzi ni urwego by'umwihariko ruhura n'ibiza kandi bikabugiraho ingaruka mbi. Ingufu mu bushakashatsi zishyirwa mu kugabanya ingaruka ziterwa n'ibiza, no kubyihanganira, n'ubwishingizi ku buhinzi n'ubworozi bifasha abahinzi n'aborozi n'abafatanyabikorwa mu buhinzi kwihagararaho nyuma y'ibiza.



6. INGENGO Y'IMARI ITEGANIRIJE PSTA 4

Urwego rw'abikorera rutegerejweho kuzashora imari ikava kuri miliyari 3 z'amafaranga y'u Rwanda (2018/19) ikagera kuri miliyari 186 z'amafaranga y'u Rwanda muri 2023/24. Muri rusange ishoramari ry'abikorera mu myaka 6 ya PSTA 4 ni miliyari 417 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ingengo y'imari ya PSTA 4



7. ISHYIRWA MU BIKORWA RYA PSTA 4

Ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 rishingira ku bigerwaho bifatika, by'umwihariko ubwiyongere bw'ubuhinzi n'ubworozi biganisha ku masoko, ishoramari ry'abikorera, n'imikoranye y'inzego no guhuza ibikorwa.

7.1 .Inzego

- ▶ Itsinda ry’abakora ibikorwa bijyanye n’ubuhinzi n’ubworozi (ASWG)
- ▶ Itsinda Ryagutse ry’abakora ibikorwa bijyanye n’ubuhinzi n’ubworozi (SWAp)
- ▶ Amatsinda y’abakora ibikorwa bijyanye n’ubuhinzi n’ubworozi (SSWGs)
- ▶ Ku rwego rw’akarere, hari Ihuriro ry’abatera inkunga iterambere ry’akarere (JADF)
- ▶ Ihuriro riyobowe na MINAGRI rireberera iterambere ry’ urwego rw’ubuhinzi muri rusange

7.2 . Uruhare rw’abafatanyabikorwa

Abafatanyabikorwa muri gahunda z’ubuhinzi n’ubworozi bose, by’umwihariko urwego rw’abikorera barasabwa kugiraiyi Gahunda iyabo, kuko uruhare rwabo mu kuyishyira mu bikorwa no kugera ku ntego zateganijwe ari ntagereranwa.

Aya mahirwe ari muri PSTA4
nfitwayitesha.
Twiyemeje kuyigira iyacuno
kuyishyira mu bikorwa uko
dushoboye kose



Twe abikorera, aya mahirwe ari
muri PSTA 4 nitwayitesha.
Twiyeje kugira uruhare
rugaragara mu kuyishyira mu
bikorwa.



8.

	2024	2023
	237,658	237,658
	165,872	165,872
	50,888	50,412
	11,631	11,631
	565,853	565,853
	135,574	135,574
	106,236	106,236
	229,490	229,490
	71,562	71,562
	331,613	331,613
	508,624	508,624
	26,064	26,064
	45,545	45,545
	28,262	28,262
	16,742	16,742

UMUSOZO

Uruhare rw'ubuhinzi n'ubworozi mu iterambere ry'u Rwanda ni ingenzi, haba mu bukungu no mu mibereho myiza y'abaturage, by'umwihariko mu kwihaza mu biribwa n'imirire myiza. Ni ngombwa ko buri gihe hahora hashyirwamo ingufu zihagije haba mu bushakashatsi no kwigisha abahinzi hagamijwe kunoza umwuga wabo ngo ubateze imbere kandi ubahe inyungu ku buryo burambye.

Na none inyongeramusaruro, ibikorwa remezo n'ikoranabuhanga harimo no kunoza iherekanyamakuru mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi birakenewe cyane. Ingamba zo kubigeraho zikubiye muri iyi Gahunda y'Igihugu yo kuvugurura ubuhinzi mu Rwanda.

Twongeye gushishikariza buri wese, cyane cyane abahinzi n'aborozi, abikorera ku giti cyabo n'abandi bafatanyabikorwa ba Leta, harimo n'imiryango itari iya Leta bafite aho baturira n'ubuhinzi n'ubworozi kugira izi Ngamba izabo bityo bakanagira uruhare rugaragara mu kuzishyira mu bikorwa.

Abafatanyabikorwa b'urwego rw'ubuhinzi mu Rwanda by'umwihariko Ihuriro CCOAIB n'imiryango irigize igera muri 40 izakomeza gutanga umusanzu wayo kugirango ibiteganijwe muri iyi Gahunda bizagerweho, bityo iterambere u Rwanda rwifuzaga rizagerweho uko riteganijwe kandi ku buryo burambye.

BIMWE MU BIPIMO BITEGANIJWE KUZAGERWAHO MURI PSTA 4

Ubuso buzahingwaho ibihingwaha by'ingenzi (ha.)

	2018	2019	2020	2021	2022
Ibigori	237,658	237,658	237,658	237,658	237,658
Amasaka	165,872	165,872	165,872	165,872	165,872
Umuceri	35,199	39,953	40,429	45,183	45,658
Ingano	11,631	11,631	11,631	11,631	11,631
Imyumbati	565,853	565,853	565,853	565,853	565,853
Ibijumba	135,574	135,574	135,574	135,574	135,574
Ibirayi	106,236	106,236	106,236	106,236	106,236
Ibitoki bitekwa	229,490	229,490	229,490	229,490	229,490
Ibitoki by'imineke	71,562	71,562	71,562	71,562	71,562
Ibitoki by'inzoga	331,613	331,613	331,613	331,613	331,613
Ibishyimbo	508,624	508,624	508,624	508,624	508,624
Ubunyobwa	26,064	26,064	26,064	26,064	26,064
Soya	45,545	45,545	45,545	45,545	45,545
Imboga	28,262	28,262	28,262	28,262	28,262
Imbuto	16,742	16,742	16,742	16,742	16,742

	2016/17	2017/2018	2018/19	2019/20	2020/21	2021/22	2022/23	2023/24
1.43	1.57	1.75	1.96	2.22	2.53	2.90	3.20	
1.11	1.16	1.22	1.28	1.35	1.42	1.49	1.56	
3.32	3.34	3.36	3.39	3.42	3.45	3.48	3.52	
0.85	0.88	0.90	0.93	0.96	0.99	1.02	1.05	
1.73	2.29	2.71	3.20	3.77	4.45	5.25	6.19	
6.65	6.85	7.06	7.27	7.49	7.71	7.94	8.18	
6.38	7.15	8.00	8.96	10.04	11.25	12.59	14.00	
3.36	3.70	4.07	4.47	4.92	5.41	5.95	6.55	
2.62	2.89	3.18	3.49	3.84	4.23	4.65	5.11	
2.82	3.11	3.42	3.76	4.13	4.55	5.00	5.50	
1.03	1.11	1.20	1.30	1.40	1.51	1.63	1.77	
0.44	0.46	0.48	0.51	0.53	0.56	0.59	0.62	
0.48	0.51	0.53	0.56	0.59	0.62	0.65	0.68	
9.36	9.55	9.74	9.94	10.13	10.34	10.54	10.76	
2.72	2.86	3.00	3.15	3.31	3.48	3.65	3.83	

Impuzandengo y'umusaruro utegerejwe (toni kuri ha 1)

	2022/23	2023/24
	689,208	760,506
	246,513	258,839
	159,025	177,584
	11,846	12,202
	2,518,046	2,970,728
	1,076,842	1,109,147
	1,338,038	1,487,304
	1,366,027	1,502,629
	332,725	365,997
	1,659,023	1,824,925
	831,336	897,843
	15,299	16,064
	29,419	30,890
	298,002	303,962
	61,127	64,183
	1,249,563	1,274,554
	57,035	59,887
	19,165	20,456

Ibigori
Amasaka
Umuceri
Ingano
Imyumbati
Ibijumba
Ibirayi
Ibitoki bitekwa
Ibitoki by'imineke
Ibitoki by'inzoga
Ibishyimbo
Ubunyobwa
Soya
Imboga
Imbuto

umunsi umunsi wose hamwe utegerejwe (Toni)

2023/24		2018/19					2019/20		2020/21		2021/22
3,949	Ibitori	415,902	465,810	527,601	601,275						
42,209	Amasaka	202,807	212,947	223,595	234,775						
78,684	Umuceri	118,269	135,286	138,067	155,755						
19,403	Ingano	10,525	10,841	11,166	11,501						
127,681	Imyumbati	1,295,803	1,533,462	1,810,730	2,133,266						
8,611	Ibijumba	956,760	985,463	1,015,027	1,045,478						
9,873	Ibirayi	850,348	952,389	1,066,676	1,194,677						
32,500	Ibitoki bitekwa	933,015	1,026,316	1,128,948	1,241,842						
46,361	Ibitoki by'imineke	227,256	249,981	274,979	302,477						
84	Ibitoki by'inzoga	1,133,135	1,246,448	1,371,093	1,508,203						
	Ibishyamba	611,057	659,941	712,737	769,756						
	Ubunyobwa	12,586	13,215	13,876	14,570						
	Soya	24,203	25,413	26,684	28,018						
	Imboga	275,308	280,814	286,430	292,159						
	Imbutu	50,289	52,803	55,444	58,216						
	Amata	934,044	1,012,924	1,091,803	1,170,683						
	Ibimasa	46,547	48,813	51,328	54,113						
	Ihene	14,427	15,653	16,984	18,428						

47

Intungamubiri ziva mu biribwa zikenewe ugereranije n'umusaruro

Umubare w'abatwariye bose
Ibitera imbaraga
Kcal zizaboneka ku muntu/ ku munsu
Kcal zikenewe ku muntu/ ku munsu
Ikinyuranyo
Ibyubaka umubiri
g zizaboneka ku muntu/ ku munsu
g zikenewe ku muntu/ ku munsu
Ikinyuranyo

Designed and Illustrated by:
Imprimerie Stylex Ltd
0788400071



trōcaire **act:onaid**
Working for a just world.

